


**Google Classroom yagenewe gufasha abarimu n'abanyeshuri gushyikirana no gufatanya, gukurikirana imirimo, no kuguma kuri gahunda.
Kurikira neza kugira ngo utangire.**

Ugiyeho bwa mbere

Jya kuri classroom.google.com.

Ubwa mbere usuye urubuga rwa Google classroom (ishuri rya Google) uzabona iyi sikrini


Kanda kuri: **Go to Classroom**



Injira


Uzasabwa kwinjira ukoresheje imeri y'ishuri n'ijambobanga (Password)

Icyitonderwa: Iyi igomba kuba imeri yawe y'ishuri (FCPS) n'ijambobanga, ntabwo ari konte yawe isanzwe. Nyamuneka vugana na mwarimu wawe niba utazi imeri yawe n'ijambobanga.



Hitamo uruhare rwawe


Kanda kuri **I'm a Student (ndi umunyeshuri)**
Kanda kuri **Get Started.** (Tangira)



Kwinjira mw'ishuri rya Google

Hari inzira 2 zo kwinjira mw'ishuri – Hitamo imwe:

1. Gusura classroom.google.com.
2. Binyuze mu bikubiye muri Google Drive (waffle), kanda kuri **Classroom**.(ishuri)




Kwinjira muri Google classroom ya mwarimu wanjye


Niba umwarimu wawe asangiye kode nawe, kanda **ikimenyetso cyo +** aho hejuru mu mfuruka y'iburyo. Kanda **Join** hanyuma wandikemo kode.

CYANGWA

Niba umwarimu wawe yagutumiye, uzabona ikarita y'ishuri mu gihe ufunguye Google Classroom. Ugomba gukanda iriya buto y'ubururu **Join (Injira)**




or



Amatangazo avuye kwa mwarimu wawe

Amatangazo yatanzwe na mwarimu wawe uzayasanga kuri Stream mu gihe ufunguye bwa mbere icyumba cy'ishuri (classroom). Reba neza kuko aya ni amakuru y'ingenzi mwarimu wawe akeneye ko umenya. Bamwe mu barimu bawe bashobora kukwemerera gukanda kuri **Reply (Gusubiza)** no kubaza ibibazo. Niba ari uko bimeze, suzuma neza ko igitekerezo cyawe ari cyiza kandi gifasha abandi. Icyitonderwa: Ushobora kubona imikoro ku murongo hamwe n'amatariki yagenwe. Niba ari uko biri, ni byiza kuyikora ku gihe ku rupapuro rw'imikoro y'ishuri.



Imikoro / Imfashanyigisho biva kwa mwarimu wawe

Kanda ahanditse Classwork hejuru y'urupapuro. Uru rupapuro ruzakwereka imikoro, ibibazo, ibizamini n'ibikoresho byashyizweho na mwarimu wawe.

Ingingo zikubiyemo ni inzira umwarimu wawe ashobora gutunganya imikoro n'imfashanyigisho. Reba uko byose bigaragara ku ruhande rw'ibumoso. Iyo ukanze ku ngingo, bizakwereka ibintu byose bikubiye munsu y'iyi ngingo.

Kanda kuri **All Topics** kugira ngo nanone ubyerekane byose.

View yo

All topics

Start Here

Monday 4.6.20

Tuesday 4.7.20

Wednesday 4.8.20

Thursday 4.9.20

Completed

Resources

St

We

We

WI

Hc

Mon

Ushobora gukanda kuri **View Your Work** kugira ngo ubone urutonde rw'imirimo yawe yose. Ushobora kugenzura amanota, gusubiramo imikoro n'amatariki yagenwe, ukanareba umurimo uwo ari wo wose ukeneye kurangizwa.

Stream Classwork People

View your work

Google Calendar Class Drive folder

Start Here

Weekly Agenda Week of August 3 Posted Jul 25

Weekly Planner (Slides Mania Example) Posted Jul 26

Gufungura Imikoro & Imfashanyigisho

Kanda ku izina ry'umukoro amabwiriza arahita agaragara hano hepfo.

Kanda kuri **View Assignment** kugira ngo ufungure umukoro, reba izindi dosiye mwarimu wawe yaba yashyizemo, hanyuma utangire ukore.

Health: What is Diabetes? | Blood Sugar Risi... Due Jul 27

Posted Apr 15 (Edited Jul 25) Turned in

Easy as 1.2.3.

1. Watch the video from PBS.
2. Answer the questions that go with the video.
3. Mark as Done.

PBS LearningMedia
https://www.pbslearningmedi...

View assignment

Kurangiza Imikoro & Imfashanyigisho

Kanda kugira ngo ufungure ikintu cyose mwarimu wawe yaba yongeyemo. Rimwe na rimwe, bazakwemerera gusoma / kubona inyandiko mu gihe ikindi gihe bazagusaba kwandika muri yo.

Mu gihe urangije, kanda kuri **Mark as Done**.



Gusubiza ikibazo

Ibibazo bizagaragara ku rupapuro rw'akazi hamwe n'ikimenyetso cyerekana akabazo. Kanda ku kibazo kugira ngo ugifungure hanyuma ukande kuri **View Question**.

Shakisha agasanduku iburyo kavuga ngo **Answer** kugira ngo wandike igisubizo cyawe. Mu gihe urangije, kanda kuri **Turn In (Bisubize)**




Kwongeraho cyangwa Gukora Imfashanyigisho

Umwari mu wawe ashobora kugusaba gukora no gutanga inyandiko yawe. Kanda kuri **+Add or Create** kugira ngo ushyireho dosiye yawe (dosiye, amashusho, n'ibindi) cyangwa gukora dosiye nshya ya Google, Urupapuro, Ishusho, cyangwa Igishushanyo.

Kanda **Mark As Done** kugira ngo utange umukoro wawe.

Ushobora kandi kongeramo igitekerezo cyihariye kwa mwarimu wawe ku bijyanye n'umukoro ku ruhande rw'iburyo.



Kwoherereza abarimu imeri

Imikorere ya imeri muri classroom ntabwo ikora ku banyeshuri n'abakozi mu karere kacu. Niba abanyeshuri cyangwa ababyeyi bakeneye kuvugana n'abarimu babo, bagomba kubohereza imeri kuri Office365 cyangwa bagakoresha urundi rubuga rwa imeri.

